



## KWIGA ICYONGEREZA

**N**iba utavuga icyongereza, kwimukira muri Amerika bishobora gusa nk'ibiguteye ubwoba. Gusabana n'abandi, gushaka akazi, ndetse no guhaha ibiribwa bizakugora kubera ko utavuga neza icyongereza. Ariko, kwiga icyongereza bizagufasha cyane mu kumenyera neza umuryango mushya ugiyemo. Hatitawe ku myaka cyangwa igitsina cyawe, kwiga kuvuga no kumenya icyongereza bizagufasha kurushaho kwigira, gushaka akazi gahemba neza, ndetse no gushyikirana n'inshuti n'abaturanyi bashya. Ushobora kuba udafite igihe kinini cyo kwiga icyongereza mbere yo gushaka akazi. Ariko umaze kubona akazi, bizagusaba gufatanya kwiga icyongereza no gukora. Kugeza umaze kumenya icyongereza kurushaho, hari serivisi z'ubusemuzi zitangirwa ahantu nko mu bitaro no mu nkiko zihabwa abazikeneye.

### IBYZA BYO KWIGA ICYONGEREZA

Icyongereza ni ururimi rukunda gukoreshwa cyane muri Amerika kandi abantu benshi muri Amerika ntibazabasha kukuvugisha cyangwa kukumva nutiga icyongereza. Kwiga icyongereza ni ngombwa kugira ngo ubeho unatere imbere. Niba ufite abana, kumenya icyongereza bizagufasha kuvugana n'abo ku kigo cy'ishuri abana bawe bigaho. Uzanakenera kwiga icyongereza kugira ngo ube umuturage uvugana n'abandi kandi umenye n'amakuru mu mujyi na leta ubamo. Uzakenera kwiga icyongereza kugira ngo utsinde ibizamini byo gusaba ubwenegihugu bw'Amerika.



### KWIGA ICYONGEREZA



Uziga icyongereza byihuse kurushaho niba wifuzaga cyane kwiga ururimi. Dore impamvu kwiga icyongereza ari ingenzi:

- Kubona akazi no kugera ku ntego zawe mu kazi.
- Kuvugana n'abanyeshuri bigisha abana bawe.
- Kumenya ibyaha abana bawe n'abuzukuru bawe bari kuvuga.
- Kwigira: gufata imodoka rusange ndetse no kujya guhaha uri wenyine cyangwa uri kumwe n'umuryango wawe.
- Kuvugana n'abaturanyi bawe.
- Kumenya ibibera ku isi binyuze kuri televiziyo, ibinyamakuru, na interineti.
- Gukora ikizamini cyo kugirwa Umunyamerika kugira ngo ubone ubwenegihugu bw'Amerika.
- Kuvugana n'abo mukorana ndetse n'abo mu muryango mugari.
- Gusaba kubonana na muganga ndetse no kuvugana na we udakoresheje umusemuzi.

## AMASOMO Y'ICYONGEREZA

Ahantu henshi baha amasomo y'icyongereza abimukira n'impunzi bamaze igihe gito bageze muri Amerika. Amwe muri ayo masomo atangirwa ubuntu kandi ikigo gishinzwe gutuza abantu mukorana kigufasha gushyamba ahatangirwa amasomo y'icyongereza hakwegereye.

Mu masomo y'icyongereza, abagabo n'abagore bafite imyaka itandukanye, bize amashuri atandukanye, ndetse banakomoka mu moko atandukanye bose barigana. Mu masomo y'abatangizi, akenshi abanyeshuri biga icyongereza cyoroheje kandi bakoresha, abakigera muri Amerika bakenera kugira ngo basabane n'abandi. Urugero: Ushobora kwiga interuro z'icyongereza kugira ngo zigufashe mu guhahira mu iduka, gusoma ingengabihe ya bisi, cyangwa gushakisha akazi. Amwe mu mashuri yigisha icyongereza gikenewe mu kazi runaka; nko gukorera muri



hoteli cyangwa gukora mu bijyanye n'ubuganga. Mu masomo y'abo mu rwego rwo hejuru, abanyeshuri bibanda cyane ku kibonezambwaga cy'icyongereza, gusoma, no kwandika. Hari kandi amashuri

y'icyongereza ategura abanyeshuri bagiye kujya mu mashuri ya kaminuza.

## UBUNDI BURYO BWO KWIGA ICYONGEREZA

Hari uburyo butandukanye bwo kwiga icyongereza. Akenshi guhuza uburyo bubiri ni byo bitanga umusaruro cyane. Ahakurikira hari zimwe mu ngero z'uburyo bwo kwiga icyongereza utari mu ishuri:

**Kwigira icyongereza ku kazi.** Iyo ubonye akazi, ushobora kwiga inyunguramagambo n'imvugo z'icyongereza z'ingirakamaro muri ako kazi. Uzaba ufite abo mukorana ndetse biranashoboka ko abakiriya bazaba bavugaga icyongereza. Kuvugana na bo bizagufasha kumenya icyongereza kurushaho.

**Kwigira icyongereza mu baturanyi.** Ugomba gusabana no kwifuzaga guhura n'abantu bashya. Kuvugana n'abantu utazi mu maduka ndetse no kwitoza icyongereza hamwe n'inshuti cyangwa abaturanyi bishobora kubanza kukugora. Ariko abantu benshi baba ari abagwaneza kandi barafasha. Kujya mu itsinda cyangwa gutangiza itsinda nyunguranabitekerezo ku muco mu rurimi rw'icyongereza mu rusiziho utuyemo no guhura ku buryo buhoraho kugira ngo muvuge icyongereza gusa. Gutegura ibikorwa bwo kwishimisha n'itsinda nko gusoma ingoro ndangamurage cyangwa gutembera muri pariki. Ubu ni uburyo bwiza bwo kwitoza kuvugaga icyongereza hamwe n'abandi biga urwo rurimi cyangwa basanzwe bavugaga icyongereza. Binashobora kuba uburyo bwiza bwo kumenya ibyerekeye umuco n'imigenzo by'Abanyamerika.

**Kwiyigisha.** Itere umwete wo kwiga icyongereza aho waba ubishoboye hose n'igihe ubishoboye cyose. Ushobora kubikora ureba filime cyangwa ibiganiro byo kuri televiziyo biri mu Cyongereza, cyangwa wumva ibiganiro biri mu Cyongereza kuri radiyo. Bika urutonde rw'amagambo mashya wize ndetse unagerageze gusoma icyongereza cyanditse ku byapa biri ku mihanda, ku mabisi, no ku madirishya y'amaduka.

**Kwigira hamwe nk'umuryango.** Buri wese mu muryango wawe azigana icyongereza nawe. Bikore ku buryo biba igikorwa gishimishije mu muryango mukina imikino y'ururimi rw'icyongereza ndetse no kugira igihe mukavugaga "icyongereza gusa" mu rugo buri muni. Gira uruhare mu bikorwa byo ku ishuri umwana wawe yigaho uba umukorerabushake kugira ngo ufashe mu bikorwa byo mu ishuri ndetse n'ibiyihariye. Abana biga indimi nshya vuba, ubwo rero ni ngombwa ko ukomeza kugendana na bo.



## KWIGA ICYONGEREZA BIFATA IGIHE

Ugitangira, ushobora kubona ko bigoye kwiga icyongereza maze ukumva birakurakaje. Birasanzwe ko wumva umeze utyo. Buri muntu yiga ku muvuduko no mu buryo butandukanye. Ugomba kugerageza uburyo butandukanye kugira ngo urebe ubukunogeye kurushaho. Ibanga mu kwiga ururimi rushya ni ukurwitoza buri muni. N'ubwo waba wumva radiyo cyangwa ukareba televiziyo mu Cyongereza iminota icumi gusa ku muni, ibi na byo birafasha. Uko iminsi ihita ndetse no gukomeza kwitoza bigera aho ukumva wisanzwe kurushaho mu kuvugaga icyongereza kandi bigufasha kukorohereza kumenyera muri Amerika. Bifata igihe ariko bigenda byoroha uko ukomeza kugerageza.

## Cultural Orientation Resource Exchange

8719 Colesville Road, 3rd Floor • Silver Spring, MD 20910

For more information, visit the CORE Resettlement Navigator website at [corenav.org](http://corenav.org).



The contents of this fact sheet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. **This material is in the public domain and may be reproduced.**